

## **Ubutumwa Bikira Mariya yahaye NYIRAMUKIZA Valentine bwo kugeza ku basenga n'abemera bose tariki 25 Kamena 2020 saa 3h45**

### **Bikira Maria:**

Nyiramukiza Mwana wanjye nkunda, ntega amatwi  
kuko nzanywe no kugutuma ku basenga n'abemera bose ,  
kuko mbabajwe cyane n'ibiru kuba muri kino gihe aho hamwe na hamwe bafunguriye za Kiriziya.

### **Valentine:**

Karame Mama  
Ndi hano ngo untume aho ushaka no ku bo ushaka kuko ndi igikoresho cyawe.

### **Bikira Maria:**

Bana banje ndabakunda  
Bana banje ndabakunda  
Bana banje ndabakunda  
Musenge cyane kuko isi yugarijwe n'ishyari, inzangano, ubwicanyi bw'amoko yose no mu buryo bwose n'ibindi birtu bitari byiza kandi bidasobanutse bitwaje icyorezo cyateye isi impagarara.  
Ibyo byose byatumye shitani yihisha muri za Kiriziya, abihayimana bagira ubwoba batinya indwara kurusha Imana:

1. Ndabasaba gusenga nta buryarya kandi bivuye ku mutima.
2. Musabire Kiriziya n'abayobozi bayo bose kugirango bamurikirwe na Roho Mutagatifu barusheho gukangurira abakristu kwizera no kwemera aho kubaca intege.

Muti gute?

- Kiriziya zarafunguwe zimwe na zimwe ariko ahensi nta cyubahiro baha Yezu mukumuhaiza no mukumuhaiza.
- Ndababaye cyane bana banje kubona nta cyubahiro baha umwana wanjye wabapfiriye ku musaraba.  
YEZU arakiza kuri roho no ku mubiri ku bamwemera bose bakamwizera. Nigute se mwamwitaza? **MUZAHURIRA HE NA WE** mwe mumuhaza mumwitaza, mumunena nk'aho ari We utera indwara n'ibyorezo! Na mwe mumuhaza nta suku, nta cyubahiro na kimwe mumuhaye! **MURABONA BIKWIYE KOKO?**
- Ese niba mwemera koko ! Murumva mukwiye kumukoraho n'ibiganza byanyu ?
- Ntabwo Yezu ari imiti y'ibinini bahereza abarwayi babitaza ngo batabanduza.

Mbese birambabaje **CYANEEEEE** bana banje ni yo mpamvu mbibabwiye ngo musenge cyane. Mutazagubwa ho n'ishyano mwikururiye kubera gusuzugura Yezu Umwana wanjye kandi Umwami wanyu.  
Ibyo muvuyemo mwita icyorezo cyakwiriye kw'isi yose, dore aho byose byatangiliye ni igihe hatabayeho uko bikwiye **ICYUMWERU GITAGATIFU** gitagatifu mu gihe cya **PASIKA**.

Mu mateka y'isi ni ho Kiriziya yinjiwemo na shitani bana banje .

Mbasabye rero gukora aya masengesho akurikira:

- Buri munsi mugahurira ku ishapule y'Ububabare Burindwi bwa BM kuva ku itariki ya mbere y' ukwezi kwa 1/7/2020 kugeza ku itariki ya 9/7/2020.
- Noneho mugahita mukora umwiherero w'iminsi itatu ikurikiranye kuva ku itariki ya 10 -11- 12/7/2020 kuko birakomeye cyane.

Ibyo bitabujje Rozali yanyu yaburi munsi.

Ndabizi ko harimo ababikora buri munsi bakomeze kuko bifasha benshi, bigakiza byinshi bana banje.

Ndabasabye nimushyire hamwe mukundane, mutahirize umugozi umwe.

Mwubake rwa rukiramende rukomere.

Mwizere uwo mubwira, musaba mukamuhereza ibyanyu byose.

Mujye muhora mwiteguye bana banje mutazatungurwa.

Ngaho Komeza amasengesho yawe ni icyo cyari kinzanye mwana wanje.

Isengesho ryo gusabira abarwayi

Isengesho ryo gusabira abatwanga

Dawe Uri mu ijuru

Ndakuramutsa Mariya

Hubahwe Imana Data

Amina.

Nguhaye umugisha wa kibyeyi mwana wanje,

Kw'izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu Amina.

Wirirwe mwana wanye.

### **Valentine:**

Urakoze cyane Mama

Wirirwe.